

IBIKORWA BY'INGENZI BYARANZE AKARERE KA KAMONYI NZERI 2026

IBIRIMO

- MINISITIRI W'INGANDA YITABIRIYE I RUNDA UMUGANDA WAHUKUJE N'UBUKANGURAMBAGA KU KURWANYA IBIYOBYABWENGE (Page:2)
- ABAHINZI N'ABOROZI BARASABWA KUGIRA UBWISHINGIZI BW'IBIHINGWA, AMATUNGO N'UBWISHINGIZI BW'INGUZANYO (Page: 4)
- RUKOMA: ABATURAGE BIBUKIJWE GUKUMIRA INDWARA ZANDURIRA MU MIBONANO MPUZABITSINA (Page: 16)
- DIRECT AID YISHYURIYE IMIRYANGO 609 UBWISUNGANE MU KWIVUZA (Page: 5)
- MU MPERA Z'UKWEZI, INAMA Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE ISANZWE YARATERANYE (Page: 12)
- HAMURITSWE IBYAGEZWEHO N'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE MYAKA ITANU ISHIZE (Page: 10)



MINISITIRI W'INGANDA YITABIRIYE I RUNDA UMUGANDA WAHUKWE N'UBUKANGURAMBAGA KU KURWANYA IBIYOBABWENGE

Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda Bwana Kajangwe Tony, yifatanyije n'abatuye Umudugudu wa Nyagatare Akagari ka Gihara mu Murenge wa Runda mu muganda rusange wibanze ku gutunganya, umuhanda ungana na 3.5km uzwi ku izina ry'amarembo y'Akagari uva Paroisse ya Gihara ukagera ahitwa Teraniro. Umuhanda washyizwemo laterite, hanatunganywa inzira z'mazi byose bikaba bifite agaciro ka miliyoni 13.

Uretse Minisitiri w'Inganda, mu muganda hari kandi Abadepite mu Nteko Ishingamategeko, Umunyamabanga w'Intara y'Amajyepfo bwana Nshimiyimana Vedaste, Umuvugizi wa Guverinema Wungirije bwana UWERA Jean Maurice.

Igikorwa cyitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere hari kandi abagize Komite Nyobozi y'Akarere, Abagize inzego z'umutekano ndetse n'abaturage b'Umurenge wa RUNDA.

Nyuma y'Umuganda, abaturage muri rusange by'umwihariko urubyiruko bakaba bahawe ubutumwa bubashishikarize kwirinda ibiyobyabwenge n'izindi ngeso mbi. Minisitiri yibukije ko nta muryango washobora gutera imbere igihe wuganirwe no kunywa ibiyobyabwenge.

Abitabiriye, bahawe n'ubutumwa bwo kuzitabira amatora ateganyijwe y'inzego z'ibanze mu minsi iri imbere.



Min. Kajangwe Tony
MINICOM

HABAYE UMUHANGO WO GUSINYA IMIHIGO Y'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE Y'UMWAKA WA 2026/2027



Ku gicamunsi ku Karere tariki 03 Nzeri 2026 hateraniye inama yaguye y'Inama y'Igihugu y'Abagore yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere, yitabiriwe kandi na Visi Meya Ushinzwe Imibereho Myiza Madame UWIRINGIRA Marie Josee, umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore ku Karere Mme MUSABYIMANA Marie Goretti, abagize Komite y'Inama y'igihugu y'Abagore ku Karere n'Imirenge hamwe n'abakozi bashinzwe Imiyoborere myiza ku Mirenge.

Muri iyi nama hagarutswe ku kureba ishyirwamubikorwa ry'imihigo 2025-2026, Umuhuzabikorwa wa CNF mu Karere Madame Musabyimana Goretti yagaragarije abitabiriye imihigo ya CNF y'uyu mwaka ndetse habayeho igikorwa cyo gusinya imihigo 2026-2027 hagati y'umuhuzabikorwa wa CNF n'Umuyobozi w'Akarere.



HAKOZWE UBUKANGURAMBAGA KU BWISHINGIZI BW'IBIHINGWA, AMATUNGO N'UBWISHINGIZI BW'INGUZANYO

Ku itariki ya 11 Nzeri 2026, ku bufatanye na RADIANT INSURANCE COMPANY, mu cyumba cy'Inama cy'Akarere ka Kamonyi habereye inama nyunguranabitekerezo ku bukangurambaga bw'ubwishingizi bw'ibihingwa, amatungo n'ubwishingizi bw'inguzanyo zihabwa abahinzi n'aborozi.

Ni inama yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel, ku ruhande rwa Radiant ikompanyi ifite ubwishingizi mu nshingano yari ihagarariwe na Madame MAHORO Laetitia ndetse n'abakozi ba Radiant Insurance Company.

Inama yitabiriwe kandi n'umuyobozi mukuru wa SACCO y'Akarere ka Kamonyi, abacungamutungo ba Sacco amashami yose (branch managers), abakozi bo mu ishami ry'ubuhinzi n'umutungo kamere, Abakozi bashinzwe ubuhinzi, n'abakozi bashinzwe ubworozi ku Mirenge.



DIRECT AID YISHYURIYE IMIRYANGO 609 UBWISUNGANE MU KWIVUZA

Kuwa 01 Nzeri 2026 Umuryango nterankunga wa Direct Aid Rwanda washyikirije Ubuyobozi bw'Akarere sheki y'amafaranga y'u Rwanda arenga miliyoni 11 (11,700,000Rwf) aya mafaranga akaba yarishyuriwe mu Kwezi kwa Kanama 2026 ubwisungane mu kwivuza imiryango 609 igizwe n'abaturage bose hamwe 2,739 mu Mirenge itandukanye igize Akarere.

Iyi gahunda yabereye mu Kagari ka Nteko Umurenge wa Mugina ahari habereye inteko y'abaturage, ubuyobozi bw'Akarere bukaba hwari buhagarariwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, naho ku ruhande rwa Direct Aid Rwanda hari Umuyobozi Mukuru w'uyu muryango mu Rwanda (Country Direct) Bwana Magdy KHATAB.

Ubuyobozi bw'Akarere bwashyikirije kandi icyemezo cy'ishimwe uyu mufatanyabikorwa kubera ubufatanye bw'uyu muryango mu mibereho y'abatuye akarere ka Kamonyi.



MURI NZERI HABAYEHO KWAKIRA NO GUKEMURA IBIBAZO BY'ABATURAGE

Nkuko byagiye bikorwa mu mezi yabanje, muri Nzeri abagize komite yashyizwemo n'Akarere ngo buri wa gatatu ijye ikemura ibibazo by'abaturage, yarateranye nkuko bisanzwe.

Iri tsinda rikuriwe n'ubuyobozi bw'Akarere ryayobowe na Maitre Kanyarushoke Juvens akaba yari kumwe n'umukozi mu ishami ry'imiyoborere myiza, MAJ mu Karere ndetse n'umunyamategeko w'Akarere, hari kandi abakozi bashinzwe imiyoborere myiza mu Mirenge.

Nkuko bisanzwe hakiriwe abaturage baturutse mu Mirenge itandukanye bafite ibibazo bari barahawe gahunda ngo bazaze bafashwe. ibyakiriwe bifitanye isano n'amakimbirane yo mu ngo, imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka, imibanire mu muryango n'izungura. Hari ibibazo byakemuwe burundu, hari n'ibyoherejwe mu bunzi no mu nkiko.



IBYICIRO BITANDUKANYE BYAHUGUWE KU KUBAHIRIZA UBURENGAZIRA BW'ABANTU BAFITE UBUMUGA.



Tariki 08 Nzeri 2026 mu Karere habereye amahugurwa yateguwe ku bufatanye bw'Akarere ka Kamonyi n'impuzamiryango NUDOR iharanira inyungu z'abantu bafite ubumuga.

Aya mahugurwa yari agamije kwibukiranya uburenganzira abantu bafite ubumuga bagomba guhabwa, gukumira ibikorwa bikigaragara biheza abafite ubumuga no gukangurira buri wese guharanira iterambere ridaheza.



Umuryango NUDOR wari uhagarariwe na Madame MUREKATERE Brigitte.

Muri iki gikorwa, hari hatumiwe abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge n'Utugari bahagariye abandi bakozi b'Akarere bakurikirana gahunda z'abafite ubumuga, abahagarariye abafite ubumuga ku Mirenge. Muri aya mahugurwa, Ubuyobozi bw'Akarere bwari buhagarariwe na Madamu MUSABYEMARIYA Christine Umuyobozi w'ishami ry'iterambere ry'imibereho myiza mu Karere.



KAMONYI HATERANIYE INAMA MPUZABIKORWA YO KUREBA IMITERERE Y'UMURYANGO MU NTARA Y'AMAJYEPFO

Kuwa 9 Nzeri 2026, Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango Hon. Uwimana Consolee, yayoboye ku biro by'Akarere ka Kamonyi inama mpuzabikorwa yahuje inzego zitandukanye n'abafatanyabikorwa igamije kureba hamwe imiterere y'umuryango mu Ntara y'Amajyepfo, n'ingamba zo gushaka ibisubizo by'ibibazo bikiwubangamiye.

Minisitiri yasabye abayobozi mu Ntara y'Amajyepfo kwegera abaturage bakarebera hamwe impamvu-muzi z'ibibazo bafite, n'igikenewe kugira ngo bikemuke.

Iyi nama yitabiriwe na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Madame Kayitesi Alice, abayobozi b'Uturere tugize iyi Ntara, abayobozi b'Uturere Bungirije bashinzwe imibereho myiza, inzego z'umutekano n'ibindi byiciro by'abatwira bifite aho bihuriye n'ingingo zaganirirwaho.



HAKOZWE INAMA Y'UBUKANGURAMBAGA KU MUSHINGA GREEN AMAYAGA

Tariki 14 Nzeri 2026, Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Iterambere rw'Ubukungu Bwana NIYONGIRA Uzziel yayoboye ku Karere inama y'ubukangurambaga ku mushinga LDCF IV (Green Amayaga II).

Iyi nama yitabiriwe n'itsinda ry'abakozi ba REMA bayobowe na MUGWANEZA Jean Bosco, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge umushinga Green Amayaga II uzakoreramo (Gacurabwenge, Mugina, Musambira, Nyamiyaga).

Hari kandi bamwe mu bakozi bakorera ku cyicaro cy'Akarere bafite mu nshingano zabo ibikorwa bifite aho bihurira n'ibizakorwa n'umushinga.

Uyu mushinga watangiye ibikorwa byawo uyu mwaka wa 2026-2027 ukazamara igihe cy'imyaka 6 wibanda cyane ku bikorwa byo kubungabunga no gufata neza ubutaka, gutera inkunga imishinga y'abagenerwabikorwa no kuzamura imibereho myiza y'abaturage.



URUBYIRUKO RW'ABAKORERABUSHAKE RWAHUGUWE KU GUTANGA UBUFASHA MU KUGENZURA IBIBANGAMIRA ISURA Y'UMUJYI

Kuwa 17 Nzeri ku biro by'Akarere ka Kamonyi Karere hakoze amahugurwa y'urubyiruko rw'abakorera bushake yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, bazatoranywamo abazaba bagize "Smart Kamonyi Monitoring Team"

uru rubyiruko ruzakomeza gukora amahugurwa ngiro aho bazakomeza mu minsi 3 bakorana na National smart city command post kugira ngo bagire ubushobozi bwo gukora ubugenzuzi kuri ibyo bibazo bibangamira isura y'umujyi wa Kamonyi.

HAMURITSWE IBYAGEZWEHO N'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE MURI MANDA Y'IMYAKA ITANU

Tariki 18 Nzeri ku biro by'Akarere habereye ibirori byo kumurika ibyagezweho n'Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi kuva 2021-2026. Ibi birori byabimburiwe no gusura "Mini-Expo" yari yateguwe, ahagaragajwe bimwe mu bikorwa by'ingenzi byagezweho. Mu byamuritswe harimo ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi, ibikorwa mu nganda, amabuye y'agaciro,...

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere bwana Nyoni Emilien Lambert mu ijamba rye yagarutse ku ishusho rusange y'ibyagezweho mu Karere, imishinga yakozwe ndetse n'igikomeza. Yashimiye inzego bafatanyije muri uru rugendo, by'umwihariko abaturage b'aka Karere kuko niba bashyira mu ngiro gahunda za Leta.

Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere yagaragaje ibyagezwe muri manda y'imyaka 5, herekanwe na "film documentaire" ikubiyemo incamake y'umusaruro w'imyaka 5 ishize, hatanzwe n'ibitekerezo biganisha ku gukomeza guharanira iterambere ry'Akarere.

Iyi gahunda yitabiriwe na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Madame Kayitesi Alice, intumwa ya MINALOC, inzego z'umutekano n'abandi bari batumiwe bahagarariye ibyiciro bitandukanye.

Muri ibi biroro abajyanama bose bahawe ibyemezo by'ishimwe nk'ikimenyetso cy'imikorere yabo myiza muri iyi manda, umunsi waranzwe n'ubusabane hishimirwa ibyakozwe kuva mu Ugushyingo 2021 kugeza Nzeri 2026.



URUBYIRUKO RWITABIRIYE UMUGANDA WIHARIYE



Kuwa 19 Nzeri mu Mirenge yose hakoze umuganda wihariye w'urubyiruko wabereye ku rwego rw'Utugari uyu muganda wibanze ku bikorwa birimo kubaka no gusana amazu y'abatishoboye, kurwanya isuri hirindwa ingaruka zishobora guterwa n'ibiza bituruka ku mvura.

Ku rwego rw'Akarere, umuganda wakorewe mu Murenge wa Runda mu kagari ka Kabagesera mu Mudugudu wa Bwirabo, ahakoze ibikorwa byibanze ku gusana inzu 2 z'abatishoboye ziterwa igipande, kuzubakira rigore no gukora pavoma, gutera igishahuro ubwiherero bubiri, gucukura imirwanyasuri.

Uyu muganda witabiriwe na Visi Meya Ushinzwe Imibereho Myiza y'abaturage Madame UWIRINGIRA Marie Josee, hari kandi Umuyobozi wa Polisi mu Karere Supt. Jean Damascène HABİYAKARE, Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko mu Karere n'abandi bayobozi batandukanye. Ubutumwa bwatanze bwagarutse ku nsanganyamatsiko igira iti: kubaka urubyiruko rufite imyitwarire myiza ibafasha kugira ahazaza heza.



MU MPERA Z'UKWEZI, INAMA Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE ISANZWE YARATERANYE

Kuwa 30 Nzeri 2026, ku Karere hateraniye Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere iyobowe na Perezida w'Inama Njyanama bwana Nyoni Emilien Lambert.

Ni inama yari yabanjirijwe n'Inama yahuje komite nyobozi y'Akarere na Biro y'Inama Njyanama y'Akarere, ndetse n'indi nama yari yahuje abaperezida b'amakomisiyo ya Njyanama, Biro na komite nyobozi y'Akarere.

Muri iyi nama Abajyanama baganiriye ku byakozwe n'amakomisiyo ahoraho agize Inama Njyanama y'Akarere, ibyakozwe na komite ngenzuzi muri iki gihembwe cya mbere, abajyanama bemeje imishinga inyuranye, n'amafaranga yo kwimura abaturage kubera ibikorwa by'inyungu rusange (expropriation).

Mu nama kandi hagarutswe ku mavugurura yakozwe ku bakozi y'urwego rw'Akagari. Iyi nama kandi yitabiriwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere bwana Bushayija Fred n'abakozi bakurikirana ibikorwa by'uru rwego rukuru ruyobora Akarere.



MINALOC, POLISI N'AKARERE BAFATANYIJE GUKORA UBUKANGURAMBAGA KU RUHARE RW'URUBYIRUKO RW'ABAKORERABUSHAKE MU GUKUMIRA IBYAHA



Ku Karere tariki 29 Nzeri 2026 habereye ubukangurambaga bwahuje MINALOC, ubuyobozi bw'Akarere na Polisi y'Igihugu, hibandwa ku bufatanye bw'urubyiruko rw'abakorerabushake mu gukumira ibyaha no kubungabunga umutekano w'abaturage.

Iyi gahunda yitabiriwe na CSP Jacky Urujeni umuhuzabikorwa w'urubyiruko rw'abakorerabushake muri Polisi y'Igihugu, hari kandi bwana Kabanda ushinze guhuza ibikorwa by'abakorerabushake muri MINALOC.

Iyi gahunda yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, abagize inzego z'umutekano hamwe n'urubyiruko rw'abakorerabushake rwaturutse mu Mirenge yose igize Akarere.

Umuhuzabikorwa w'Urubyiruko rw'abakorerabushake mu Karere yagaragaje ibyo bakoze mu gihe cyashize n'agaciro kabyo, yamuritse kandi imishinga bafite mu gukomeza umusanzu wabo mu kubaka igihugu.



HEMEJWE URUTONDE RW'IMIRYANGO IZOROWA INKA UYU MWAKA WA 2026/2027



Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Madame Uwiringira Marie Josee akaba na Perezida wa Komite ya Girinka ku rwego rw'Akarere, kuwa 29 Nzeri 2026 yayoboye ku biro by'Akarere yo kwemeza urutonde rw'Imiryango izorozwa 2026/2027 mu Mirenge muri gahunda ya Girinka Munyarwanda uyu mwaka w'ingengo y'imari 2026/2027.

Iyi gahunda yatumiwemo abagize Komite ya Girinka ku rwego rw'Akarere, Imboni z'Imirenge n'abakozi bashinzwe ubworozi mu Mirenge.

Hakoreshejwe uburyo bwo gusesengura urutonde rwa buri Murenge rw'agateganyo, abitabiriye iyi nama bunguranye ibitekerezo ku bari kuri izo listi, babihuza n'amabwiriza agenga igikorwa cyo gutanga inka kugira ngo bikorwe mu mucyo.



GIZ YAMURITSE IBIMAZE GUKORWA KU GUTUNGANYA SITE Y'IMITURIRE YA BUSASAMANA MU MURENGE WA MUSAMBIRA



Tariki 29 Nzeri Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel ari kumwe n' abakozi b'ishami rifite mu nshingano imiturire, bakiriye ikipe y'umufatanyabikorwa GIZ ikora site y'imiturire yimbitse mu Murenge wa Musambira mu Kagari ka Buhoro (Busasamana Site).

Muri iyi nama hemejwe imbibe z'aho ibikorwa by'imiturire bizagarukira kuri 50ha (physical plan), GIZ yiyemeje kuzubaka ibikorwaremezo (tribune) ku kibuga cy'umupira cya Buhoro mu Murenge wa Musambira,

ndetse n'isoko, inyigo y'iyi mishinga yararangiyeye hasigaye kwaka ibyagombwa byo kubaka.

GIZ yemenyeshesheje ko izubaka kandi amazu aciriritse (affordable houses), ndetse hazubakwa ikimoteri (waste collection) ahazajya hakusanyirizwa imyanda.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe ubukungu, yashimiye GIZ ku bw'ubu bufatanye yizeza ko Akarere kazakomeza gufatanya nabo muri iyi mishinga myiza igamije guteza imbere abaturatione no kuzamura ishusho y'imiturire muri uyu Murenge wa Musambira



RUKOMA: ABATURAGE BIBUKIJWE GUKUMIRA INDWARA ZANDURIRA MU MIBONANO MPUZABITSINA



Tariki 25 Nzeri ku kibuga cy'umupira cya Remera-Mbizi mu Murenge wa Rukoma, ku bufatanye bw'umufatanyabikorwa RWACHI, MINISANTE, RBC n'umuryango AHF RWANDA habereye ubukangurambaga bwitabiriwe by'umwihariko n'abiganjemo urubyiruko. Ni igikorwa cyari gifite insanganyamatsiko igira iti "Twese hamwe, dukumire Virus itera SIDA, indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina n'inda ziterwa abangavu".

Iyi gahunda yaranzwe n'umukino w'umupira w'amaguru wahuje ikipe y'abagabo ihagarariye Akagari ka Buguri ndetse n'ikipe y'Akagari ka Remera.

Habaye kandi umukino wahuje ikipe y'abakobwa bo kuri GS Remera Indangamirwa na College APPEC TSS.

Iyi gahunda yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, intumwa ya MINISANTE, bwana Nsengiyumva Jacques Umuyobozi w'Umuryango RWACHI, uhagarariye AHF. Muri iki gikorwa, hanatanzwe ubutumwa kandi ku gukumira ibiyobyabwenge, by'umwihariko urubyiruko rwibukijwe ko kwirinda kunywa inzoga Atari byiza basabwa ko bishoboka banazireka.



INAMA Y'UMUTEKANO YAGUYE YASUZUMYE UKO UMUTEKANO WARI WIFASHE KANAMA-NZERI

Kuwa 28 Nzeri ku Karere habereye inama y'umutekano yaguye y'Akarere iyobowe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel.

Iyi nama yitabiriwe kandi na Visi Meya Ushinzwe Imibereho Myiza Madamu Uwiringira Marie Josee, Umuyobozi wa Polisi mu Karere, Umuyobozi w'Urwego rw'Inkeragutabara mu Karere n'abandi bagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, abakuriye inzego z'umutekano ku rwego rw'Imirenge (Police, DASSO & Reserve Force).

Mu nama hagarutswe ku ishusho y'umutekano mu gihe cy'amezi abiri ashize (Kanama & Nzeri 2026), imigendekere y'igihembwe cy'ihinga 2027A, itangira ry'amashuri, imigendekere y'ivugurura n'ishyirwa mu myanya ry'abakozi b'Utugari, ubukangurambaga ku gukumira icyaha cyo kwagiza ikintu cy'undi.



RUNDA: HATANGIRIJWE ICYUMWERU CYAHARIWE ITANGWA RYA SERIVISI Z'IRANGAMIMERERE

Kuwa 22 Nzeri, ku Ruyenzi mu Murenge wa Runda hatangirijwe icyumweru cyahariwe itangwa rya serivisi z'irangamimerere. Iyi gahunda yibanze ku kwandika abana batari banditse, gufasha abantu bashakira kubera umubyeyi umwana utabyaye, gukosora imyirondoro itameze neza mu irangamimerere, kwandukura abapfuye, gusezeranya imbere y'amategeko imiryango yabanaga itarasezeranye,....

Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere niwe watangije iki cyumweru cyahariwe irangamimerere. Yibukije abashakira serivisi z'irangamimerere ko ubuyobozi buhari ngo bubafashe. Umuyobozi w'Akarere asabye abaturage ko bakitabira iki gikorwa cy'ingenzi cyane, kuko bifasha mu igenamigambi ry'Akarere.



UBUYOBOZI BWAKURIKIRANYE IMIGENDEKERE Y'IGIHEMBWE CY'IHINGA

Kuwa 24 Nzeri, itsinda riyobowe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe iterambere ry'ubukungu Bwana NIYONGIRA Uzziel ryakurikiranye imirimo y'igihembwe cy'iHINGA cya mbere 2027.

Ni gahunda bafatanyijemo n'Imirenge bakaba basuye Imirenge ya Gacurabwenge mu cyanya-kigega (Food Basket Site) cya Kibuza kuri Dam

Itsinda ryasuye n'ibyanya bigega bya Mpombori mu Murenge wa Musambira ndetse na Nyarubaka itsinda rikaba ryahasuye Pepiniyeri ya TUBURA riri mu Kagari ka Ruyanza.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije yatanze inama z'ibikwiye kunozwa mu rwego rwo gushyira mu bikorwa imirimo y'igihembwe cy'iHINGA no guhingira igihe, guhinga ubutaka bwose, gukoresha inyongeramusaruro zirimo imvaruganda n'ifumbire y'imborera



ABATURAGE BIBUKIJWE KO SIPORO RUSANGE ARI URUFUNGUZO RW'UBUZIMA BWIZA

Mu Murenge wa Gacurabwenge tariki 27 Nzeri mu mbuga y'ibiro by'Akarere habereye Siporo rusange yitabiriwe n'Umujyanama wa Komite Nyobozi y'Akarere Bwana Majyambere Samuel, Umuyobozi w'Inkeragutabara mu Karere, Umuyobozi wa Police mu Karere, uhagarariye RIB na Visi Perezida wa Komisiyo y'uburenganzira bwa Muntu Bwana TUYIZERE Thadee

n'abaturage batuye mu Murenge wa Gacurabwenge. *Nyuma ya siporo abitabiriye bibukijwe ko siporo ari ubuzima bityo bakwiye kuyigira intego.*

Hatanzwe n'ubutumwa ku isuku n'isukura, kwirinda ibinyobwa bitujuje ubuziranenge, kwirinda ibiyobyabwenge mu rubyiruko. Habayeho kandi gupima indwara zitandura ku babyifuza.



NewsLetter yatanganyijwe na:

Faustin NTAKIRUTIMANA

Public Relations, Media & Communications